REPUBLIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 10/07/2018

N° 040 **NJYA/2018**

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 29 Kamena 2018

Madamu Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo by'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho muri Centre d'Acceuil Regina Pacis ku wa 29 Kamena 2018, yitabiriwe n'abajyanama 27 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru

NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

IBYEMEZO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU

YO KU WA 29 KAMENA 2018

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 29 Kamena 2018 yateraniye mu cyumba cy'inama cya Centre d'Acceuil Regina Pacis I Kibeho, iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves yitabirwa n'Abajyanama 27 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere. Inama yitabiriwe kandi n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abayobozi b'imirimo ku karere.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 23/03/2018 n'iy'Inama Njyanama idasanzwe yo ku wa 31/05/2018, iz'amakomisiyo n'iza Komite Ngenzuzi.
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 23/03/2018
3. Kwemeza ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/2019
4. Gusuzuma raporo y'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta y'umwaka wa 2016/2017
5. Kwemeza gahunda y'itangwa ry'amasoko y'umwaka wa 2018/2019
6. Kwemeza urutonde rw'abasora na tarifu y'imisoro n'amahoro
7. Gusuzuma inyandiko zandikiwe Inama Njyanama
8. Ibindi

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri izi ngingo yafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya mbere:

Inama Njyanama imaze gukora ubugororangingo bw'inyandikomvugo zikurikira mu bwumvikane busesuye yameje:

- Inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 23/03/2018 n'iy'Inama Njyanama idasanzwe yo ku wa 31/05/2018
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza yo ku wa 03/04/2018, iyo ku wa 18/04/2018 n'iyo ku wa 22/06/2018,
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yo ku wa 20/04/2018, iyo ku wa 28/05/2018, n'iyo ku wa 22/06/2018,
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza yo ku wa 17/04/2018, iyo ku wa 15/05/2018 n'iyo ku wa 26/06/2018,

Icyemezo cya kabiri:

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma urwandiko rw'Umuyobozi w'Akarere rusaba kwemeza gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018/2019 mu bwumvikane busesuye bayemeje.

Icyemezo cya gatatu:

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'imari y'umwaka wa 2017/2018 bagasanga igeze kuri 90% babishimye, mu bwumvikane busesuye bemeza ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2018/2019 ingana na Miliyari Cumi n'esheshatu, Miliyoni Magana atatu na Mirongo irindwi n'esheshatu, ibihumbi Magana arindwi na Mirongo irindwi n'amafaranga Magana atatu na Cumi n'arindwi (**16,376,770,317Frw)**

Icyemezo cya kane:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje gahunda y'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2018/2019

Icyemezo cya gatanu:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje urutonde rw'abasora mu mwaka wa 2018/2019 isaba ko ruzakomeza kuvugururwa uko abasora bazagenda biyongera cyangwa bagabanuka.

Icyemezo cya gatandatu:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2018/2019

Icyemezo cya karindwi:

Inama Njyanama imaze gusuzuma icyifuzo cy'abagize Komisiyo y'Imiyoborere myiza kijyanye no gukurikirana Koperative z'abahinzi b'icyayi (COOTHENYA, COTHENK na COTHEMUKI), mu bwumvikane busesuye yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana ibibazo by'imiyoborere n'imikorere biri mu makoperative y'abahinzi b'icyayi

Icyemezo cya munani:

Nyuma yo gusuzuma icyifuzo cya Komisiyo y'Imiyoborere myiza kijyanye no kwemeza Service Charter, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje inyandiko ikubiyemo serivisi zitangwa ku Karere, ku murenge no ku kagari.

Icyemezo cya cyenda:

Nyuma yo gusuzuma icyifuzo cy'abagize Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu kijyanye no gushaka ibikoresho bya TSS Nyagisozi, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko Akarere kihutira gusaba ibikoresho bya TSS Nyagisozi muri WDA hakiri kare kugirango abanyeshuri bazigiremo umwaka utaha

Icyemezo cya cumi:

Nyuma yuko Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu isuye Sacco ya Muganza n'iya Ngoma hakagaragara ko harimo ibibazo by'imikorere, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe ishinzwe gukurikirana ibibazo biri muri Saccos. Iyo Komisiyo izaba igizwe n'abajyanama, abakozi b'Akarere n'inzego z'umutekano. Komite Nyobozi irasabwa kuyigenera uburyo no gutegura inyandiko izakurikizwa.

Icyemezo cya cumi na rimwe:

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibaruwa N^{O} 1028 yo ku wa 22/06/2018 yanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asaba ko abaturage bari mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri bafitiye umwenda Akarere ka Nyaruguru ukomoka ku nguzanyo y'ishwagara bahawe ku ideni basonerwa, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abaturage bari mu cyiciro cya 1 n'icya 2 basonerwa umwenda w'ishwagara ungana na 71,190, 973Frw kuko bigaragara ko babuze ubwishyu.

Icyemezo cya cumi na kabiri:

Nyuma yo gusuzuma icyifuzo cya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho myiza cyo kubaka indangamateka ya Jenoside, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko hubakwa indangamateka ya Jenoside mu mirenge itarimo inzibuto.

Icyemezo cya cumi na gatatu:

Inama Njyanama imaze gusuzuma ikibazo cy'Imirenge ifite ikibazo cy'amarimbi rusange, mu bwumvikane busesuye yemeje ko imirenge yagaragaje ubutaka bw'Akarere buyibarizwamo yabuhabwa bukagirwa amarimbi rusange.

Icyemezo cya cumi na kane:

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa no kungurana ibitekerezo ku ncamake ya raporo y'umugenzuzi w'imari ya Leta y'umwaka wa 2016/2017, mu bwumvikane busesuye bemeje ko iyo raporo izasuzumwa byimbitse na Komite Ngenzuzi, na buri Komisiyo ikazasuzuma byimbitse ibiri mu nshingano zayo, kandi abagaragaweho ayo makosa bakazabihanirwa hakurikijwe amategeko.

Icyemezo cya cumi na gatanu:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abajyanama MUTANGANA David na GASHEMA Janvier bashyizwe muri Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu.

Icyemezo cya cumi na gatandatu:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ikiruhuko cy'umwaka wa 2017/2018 cy'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza Madame KAYITESI Colette, kikazatangira kuva tariki ya 30/07 kikageza ku wa 28/08/2018.

UMUSOZO:

Inama Njyanama yatangiye saa saba (13h00) irangira saa kumi n'ebyiri (18h00) Perezida w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ubwitange badahwema kugaragaza.

UMWANDITSI W'INAMA:

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

UMUYOBOZI W'INAMA:

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w' Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza ku wa 12/07/2018
№ 0465/07-02

INTARA Y'AMAJYEPFO
P.B: 41 NYANZA
TEL: 533385; FAX 533380
E-mail: south@southernprovince.gov.rw
website: www.southernprovince.gov.rw

Madamu/Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka.....MUHANGA.....
INTARA Y'AMAJYEPFO

Impamvu : Icyemezo cy'iyakira

Madamu/Bwana Muyobozi w'Inama Njyanama,

Dushingiye ku itegeko №87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo yaryo y'168 irebana no kohereza, kwakira inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ;

Twebwe Guverineri w'Intara y'Amajyepfo turemeza ko inyandikomvugo, ibyemezo, imyanzuro by'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka MUHANGA yateranye ku wa 29/6/018; 23/3/018 bitugezeho ku wa 12/07/2018 saa 12h30.

Mugire amahoro.

INTARA Y'AMAJYEPFO

MURESHYANKWANO Marie Rose
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe :
-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ;
KIGALI
-Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere ka.....
INTARA Y'AMAJYEPFO

Dukorane umurava, dutere imbere